REPUBLIC OF RWANDA

WESTERN PROVINCE
NYAMASHEKE DISTRICT

**ITANGAZO N°.0652..../............:**

## GUHAMAGARIRA ABABISHOBOYE GUSABA GUKORESHA IVURIRO RY'AMATUNGO RYA SHANGI

Ubuyobozi bw'Akarere ka **NYAMASHEKE** buramenyesha abantu bose bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa gusaba gukoresha ivuriro ry'amatungo ry'Akarere *(District Proximity veterinary post)* riherereye mu Murenge wa **SHANGI** Akagari ka **SHANGI** Umudugudu wa **BUSASAMANA** ; ryubatswe ku bufatanye bw'Akarere ka NYAMASHEKE n'Umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi n'isoko ry'ibiyakomokaho (PRISM).

Mu rwego rw'ubufatanye bw'abikorera na Leta (Public Private Partnership), Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke burifuza kwegurira ba rwiyemezamirimo basanzwe bakorera mu Karere ka NYAMASHEKE (umuntu ku giti cye ,Koperative cyangwa Sosiyete) babishaka kandi babifitiye ubushobozi imirimo yo gukoresha iri vuriro ry'amatungo. ;

### I. Abemerewe gusaba gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI:

Abemerewe gusaba gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI ni abavuzi b'amatungo (veterinary practitioners) bikorera ***bafite ibyangombwa bitangwa n'Urugaga rw'abaganga b'amatungo*** mu Rwanda (RCVD). Abo bavuzi b'amatungo bagomba kuba basanzwe bakorera mu Karere ka NYAMASHEKE kandi bujuje kimwe muri ibi bikurikira :

I. Kuba Bibumbiye muri Koperative y'abaganga b'amatungo ifite icyangombwa kiyemerera gukora imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo gitangwa na RCA. Abanyamuryango ba Koperative bagomba kuba harimo abafite licence yo kuvura amatungo itangwa na RCVD kandi barasinye sitati ya Koperative (veterinary clinic);

i. Kuba Bafite sosiyete y'ubucuruzi (Company) yemerewe n'inzego zibishinzwe gukora imirimo yo kuvura amatungo (veterinary clinic) bikagaragazwa n'icyemezo cy'iyandikisha rya societe gitangwa na RDB; Company igomba kugaragaza nibura abaveterinaires 3 bafite licence yo kuvura amatungo (clinic) itangwa na RCVD;

ii. Kuba ari itsinda ry'abaveterineri bikorera ku giti cyabo byibura batatu (3) basanzwe bakora imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo, kandi bagaragaza inyandiko bashyizeho umukono bose iriho umukono wa Noteri, yemeza ko biyemeje gukorera hamwe mu gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI.

**2. Ibigize dosiye y'usaba kwemererwa gukoresha ivuriro ry'amatungo ry'AKARERE riri mu murenge wa SHANGI:**

i. Ibaruwa yandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere isaba kwemererwa gucunga ivuriro ry'amatungo ryavuzwe haruguru;

ii. Kugaragaza kimwe mu byangongombwa byavuzwe mu ngingo ya mbere *(abemerewe gusaba gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI)*;

iii. Umwirondoro (Curriculum vitae/CV) w'abavuzi b'amatungo. Buri wese agomba kuba agaragaza uburambe bw'imyaka itatu (3 years) byibura mu mwuga w'ubuvuzi bw'amatungo;

iv. Fotokopi y'icyangombwa (licenses 2023) kuri baveterinaires gitangwa n'urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (RCVD);

v. Fotokopi y'indangamuntu ya buri wese muri aba batatu;

vi. Inyandiko itarengeje amapaji 3 igaragaza neza ko bumvise neza serivisi bategerejweho. Iyi nyandiko igomba kuba yerekana mu buryo burambuye uko service zizatangwa zizagera ku borozi , kugaragaza uburyo na gahunda izakurikizwa mu kuzitanga.

**3. Italiki yo gusura ivuriro : kuwa 25/01/2024 isaa tanu za mugitondo (11:00 AM). Guhaguruka ku Karere ni saa yine za mugitondo (10H00).**

4. **Italiki yo kugeza dossier isaba ku Karere (mu bunyamabanga rusange bw'Akarere): 30/01/2024 isaa yine za mu gitondo (10:00 AM).**
5. **Gufungura mu ruhame inyandiko zisaba : 30/01/2024 saa yine n'igice za mu gitondo (10:30 AM).**

**ICYITONDERWA :**

1. Dossers zisaba zashyikirijwe Akarere zisuzumwa n'itsinda ryashyizweho n'Akarere rishinzwe gukurikirana imikoreshereze y'inyubako zubatswe mu Karere ku Nkunga y'umushinga PRISM;
2. Uzatsindira gukoresha no gucunga iri vuriro ry'amatungo hakurikijwe ibisabwa muri iri tangazo azagirana amasezerano y'imikoranire n'Akarere ka NYAMASHEKE.

**Bikorewe i NYAMASHEKE, kuwa 19/01/2024**

**MBYAYINGABO Athanase**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nymasheke**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYAMASHEKE**

**AMASEZERANO Y'IMIKORANIRE (MoU)**

**HAGATI Y'**

**Akarere ka NYAMASHEKE**

**Na**

**.............................................................................................**

**Arebana no**

**Gukoresha no gucunga ivuriro ry'amatungo rya SHANGI**

**........................... 2024**

Aya masezerano arebana no gucunga no gukoresha ivuriro rito ry'amatungo, yitwa "**amasezerano**" akozwe hagati ya:

Akarere ka **NYAMASHEKE,** kabarizwa mu Ntara y'I BURENGERAZUBA; Agasanduku k'iposita **72 Nyamasheke;** Website**www.nyamasheke.gov.rw** ;E-mail: ***info@nyamasheke.gov.rw ;***

gahagarariwe na

Bwana **MBYAYINGABO Athanase ,Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa ko** muri aya masezerano, mu ngingo zikurikira kitwa "**Akarere**";

**Na**

................................(COMPANY / COOPERATIVE) ,ifite ikicaro mu kagali ka ........................, Umurenge wa ........................, Akarere ka ................., Intara y'........................................,

ihagarariwe na **..........................................** (Perezida / umuyobozi mukuru) wayo ubarizwa kuri **telephone 07..........................................**; **(**yitwa **"ukoresha Ivuriro**")

**Intangiriro:**

- Akarere ka Nyamasheke, kabinyujije mu itangazo kahamagariye abaganga b'amatungo bikorera (private veterinaries) bakorera mu Karere bibumbiye muri Koperetive cyangwa Companies; babifitiye ubushobozi, kugeza inyandiko zisaba kwemererwa gucunga no gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI bityo hatoranywe uwujuje ibisabwa ugomba kugirana amasezerano y'imikoranire n'Akarere;

- Nyuma y'isesengura ry'inyandiko zisaba zatanzwe, hemejwe uwatsinze akaba agomba gushyira umukono ku masezerano y'imikoranire aho yiyemeje gucunga no gukoresha ivuriro hakuriijwe ibiteganijwe muri aya masezerano n'izindi nyandiko ziyagize.

**Ku bw'ibyo,**

**Akarere ka Nyamasheke**

**na**

**........................**

**(uwemerewe gukoresha no gucunga ivuriro ry'amatungo rya SHANGI)**

bumvikanye kuri ibi bikurikira:

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Impamvu y'aya masezerano**

Impamvu y'aya masezerano ni ukumvikana ku birebana no gucunga no gukoresha ivuriro rito ry'amatungo rya Shangi hakurikijwe ibiteganijwe muri aya masezerano n'izindi nyandiko zigize amasezerano.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Inyandiko zigize amasezerano**

Inyandiko zigize amasezerano ni izi zikurikira:

- Aya masezerano yashyizweho umukono n'impande zombi;
- Inyandiko y'isesengura ry'inyandiko Zisaba kwemererwa gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI;
- Inyandiko zisaba kwemererwa gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI zatanzwe n'uwemerewe gukoresha ivuriro;
- Itangazo rihamagarira abaveterineri bikorera gusaba kwemererwa gukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI;
- Izindi nyandiko iyo ariyo yose ifite aho ihuriye n'imikoreshereze n'imicungire y'ivuriro;

**Icyitonderwa:**

Inyandiko zigize amasezerano zifatwa nk'izuzuzanya kandi buri nyandiko ifasha gusobanura indi. Icyakora, iyo habayeho kuvuguruzanya, inyandiko zihabwa agaciro hakurikijwe uko zitondetse haruguru.

**Ingingo ya 3: Imiterere y'ivuriro n'ibirigize**

Ivuriro rivugwa muri aya masezerano rigizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira:

*I.* *Ibiro (office);*

*II.* icyumba cyo kubikamo ibikoresho (stock),

*III.* icyumba gipimirwamo ibizami byafashwe (laboratoire);

*IV.* Ubwiherero.

*V.* Iyi nyubako kandi ifite ibigega 2 bifata amazi.

Ivuriro ririmo ibikoresho bigaragara ku mugereka w'aya masezerano.

**Ingingo ya 4: Imicungire y'amasezerano**

Akarere ka NYAMASHEKE kashyizeho itsinda rishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya masezerano cyane cyane ku bijyanye n'imikoreshereze n'imicungire y'ivuriro.

Itsinda rizaba rifite inshingano zikurikira:

- Gukurikirana uko buri amasezerano ashyirwa mu bikorwa;
- Gutanga inama za tekinike zifasha uwahawe ivuriro kuribyaza umusaruro;
- Gusuzuma ko ukoresha ivuriro yubahiriza amategeko n'amabwiriza abigenga;
- Gusuzuma no gutanga inama ku bibazo uhawe gukoresha ivuriro ahura nabyo no kwemeza raporo zirebana n'imikoreshereze y'ivuriro;
- Gutanga raporo ku kibazo cyose kibangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

**Ingingo ya 5: imikoranire hagati y'abagiranye amasezerano**

Abagiranye amasezerano biyemeje gushyira hamwe hagamijwe kugera ku ntego za yo.

Buri ruhande rwiyemeje kubahiriza inshingano zarwo no gukora ibishoboka byose hagamijwe imikoreshereze inoze y'ivuriro kandi hubahirizwa amategeko n'amabwiriza abigenga;

**Ingingo ya 6: Inshingano z'ukoresha ivuriro**

Ukoresha ivuriro afite inshingano zikurikira:

- Gukora ubukangurambaga ku borozi kugira ngo bitabire servisi zitangwa n'ivuriro;
- Gucunga no gukoresha ivuriro akurikije ibikubiye muri aya masezerano, inyandiko nsobanuramikorere y'ivuriro n'izindi nyandiko zigize amasezerano;
- Gusana ibyangiritse biturutse ku mikoreshereze y'ivuriro cyangwa bitewe n'amakosa ye;
- Gusimbuza ibikoresho by'ivuriro bikoreshwa igihe gito bitewe n'imiterere yabyo (urugero: imiti, inshinge, ibikoresho bikoze mu birahure ...);
- Gukoresha ivuriro akurikije amategeko n'amabwiriza abigenga kandi yubahiriza inama za tekinike agirwa n'inzego zibifitiye ububasha;
- Gutanga serivise nkenerwa zijyanye n'impamvu ivuriro ryubatswe;
- Kurinda inyubako n'ibindi bikoresho ikintu cyose gishobora kubyangiza;
- Kwishyura amazi n'amashanyarazi bikoreshwa mu ivuriro;
- Gucunga umutekano w' inyubako n' ibikoresho mu buryo buhoraho ( mu gihe cyose amasezerano agihari)
- Gutanga raporo ku Karere kuri services zahawe aborozi n'ikindi kibazo cyose cyabangamira iyubahirizwa ry'amasezerano. Izo raporo zitangwa buri kwezi, buri gihembwe no ku mwaka n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.
- Kubahiriza amabwiriza agenga isuku ahatangirwa serivisi

**Ingingo ya 7: Inshingano z'Akarere**

Akarere gafite inshingano zikurikira:

- Kugenzura ko ivuriro rikoreshwa hakurikijwe ibiteganijwe muri aya masezerano ;
- Gutegura, guhindura cyangwa guhuza n'igihe inyandiko nsobanura mikorere y'ivuriro;
- Gusana ibyangiritse ku nyubako bishyingiye ku busaze cyangwa iturutse ku mpamvu ntarengwa (cas de force majeure);

**Ingingo ya 8: Ibyerekeye service zitangwa n'ukoresha ivuriro zishyurwa**

Services z'ubuvuzi kimwe n'izindi bifitanye isano zitangwa n'ukoresha ivuriro ry'amatungo rya SHANGI zishyurwa hashingiwe ku bikubiye mu iteka rya Minisitiri N°017/11.30 ryo ku wa 21/12/2017 rishyiraho ikigereranyo cy'amafaranga yishyurwa umuganga w'amatungo mu Rwanda.

**Ingingo ya 9: Ibyerekeye amafaranga n'uburyo bwo kwishyura**

**Ukoresha ivuriro yishyura ijanisha ringana na .......... (.......%) ku mafranga ya service yakiriye. Aya mafranga akazafasha Akarere mu gukora imirimo yo gusana ibyangiritse ku nyubako bireba Akarere.**

Kwishyura aya mafranga bikorwa ku buryo bukurikira:
Hakorwa imenyekanisha ryo gukodesha umutungo wa Leta (Declaration), kuri Rwanda Revenue Authority, amafaranga akishyurwa kuri Konti N°: ................................ iri muri Banki ya ............

Kwishyura bikorwa uhereye ku munsi igihe kitishyurwa cyarangiriye kandi bigakorwa buri kwezi bitarenze tariki ya 05 y'ukwezi kwishyurwa.
Numero ya konte :
Izina rya konte :
Izina rya Banki :

**ICYITONDERWA:**

Mu mwaka wa mbere utangira igihe amasezerano yashyiriweho umukono , nta bukode bwishyurwa.

**Ingingo ya 10: Ibindi byishyurwa n'ukoresha ivuriro**

Uretse amafaranga avugwa mu ngingo ya 9 y'aya masezerano, ukoresha ivuriro yishyura umuriro, amazi, isuku, umutekano kimwe n'andi mafaranga ashobora kugenwa n'inzego zibifitiye ububasha.

Ayo mafaranga yishyurwa abatanga servise zishyurwa hakurikijwe uko bigenwa n'amategeko n'amabwiriza akurikizwa.

**Ingingo ya 11: Gusana no gufata neza inyubako n'ibikoresho**

**1. Ibireba Akarere:**

Akarere gasana inyubako igihe cyose habayeho kwangirika bidaturutse ku mikoreshereze yabyo, kwangirika bidaturutse ku makosa cyangwa uburangare bw'ukoresha ivuriro cyangwa abakozi be cyangwa kubera indi mpamvu yose yagizwemo uruhare n'ucunga ivuriro.

Igihe cyose bibaye ngombwa, Akarere gakora igenzura rigamije kureba niba inyubako n'ibikoresho byitabwaho uko bikwiye.

2. **Ibireba ukoresha ivuriro**

Ukoresha ivuriro yita ku nyubako n'ibikoresho biri mu ivuriro kandi akabikoresha neza. Akora imirimo yo gusana inyubako n'ibikoresho igihe cyose kwangirika byatewe n'imikoreshereze yabyo cyangwa byatewe n'uburangare yagize bwo kutabyitaho.

**Ingingo ya 12: Uburyozwe buturutse ku ikoreshwa ry'ivuriro**

Ukoresha ivuriro aryozwa ikibazo cyose cyaba ku wundi muntu cyangwa ku mutungo w'undi muntu giturutse ku ikoreshwa ry'ivuriro.

**Ingingo ya 13: Kubahiriza ibikubiye mu masezerano**

Abagiranye amasezerano bemeranijwe ko aya masezerano nta bundi burenganzira aha impande ziyagiranye uretse ibiyakubiyemo, kandi ukoresha ivuriro ntashobora kuyakoresha mu bindi bitayavugwamo.

Ivuriro rivugwa muri aya masezerano ni umutungo ndasangirwa w'Akarere, ukoresha nta bundi burenganzira afite ku ivuriro uretse kuricunga no kurikoresha akurikije ibikubiye muri aya masezerano.

**Ingingo ya 14: Guhererekanya amakuru**

Guhererekanya amakuru bikorwa mu nyandiko. Inyandiko zose zifite aho zihuriye n'aya masezerano zigomba kuba zandikiwe uhagarariye uruhande bireba.

Inyandiko ifatwa nk'iyatanzwe iyo yagejejwe ku ruhande bireba kandi uwayitanze agahabwa icyemezo cy'uko yakiriwe cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bwemewe n'amategeko.Abahagarariye buri ruhande:

**Ku ruhande rw'Akarere:**

**MBYAYINGABO Athanase**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamasheke,**

Email: - *info@nyamasheke.gov.rw* ; ambyayingabo@nyamasheke.gov.rw;

Telefoni: 0788780518

**Ku ruhande rw'Ukoresha ivuriro:**

.......................................................

**(umuyobozi mukuru /** Perezida wa Koperative ..........................telephone **07..........................)**

**Ingingo ya 15: Ibyerekeye kwegurira inshingano abandi**

Ukoresha ivuriro ntabwo yemerewe kwegurira undi, gupatanisha igice cy'ibikorwa cyangwa byose cyangwa ngo ashake undi umusimbura kuzuza inshingano ze zikubiye muri aya masezerano keretse abanje kubiganiraho no kubyumvikanaho n'Akarere, kandi akabiherwa uburenganzira bwanditse.

**Ingingo ya 16: Ikoreshwa ry'ibirango by'akarere**

Ukoresha ivuriro ntabwo yemerewe gukoresha ibirango by'Akarere mu bikorwa bijyanye no gucunga no gukoresha ivuriro keretse abanje kubiherwa uburenganzira bwanditse n'Akarere.

Icyakora, Akarere kemerewe gushyiraho icyapa ku ivuriro kigaragaza ibikorerwa ku nyubako y'ivuriro hagamijwe kumenyekanisha serivise zitangwa.

**Ingingo ya 17: Impamvu ntarengwa kandi itunguranye**

Iyo kutubahiriza inshingano ku ruhande runaka bitewe n'impamvu ntarengwa kandi itunguranye, icyo gihe nta buryozwe bwo kutubahiriza amasezerano bubaho;

Impamvu ntarengwa kandi itunguranye igomba kuba ari impamvu idaturutse ku ruhande bireba kandi urwo ruhande rukaba rwakoze ibishoboka byose kugira ngo iyo mpamvu yirindwe;

Uruhande bireba rumenyesha urundi mu nyandiko ko habayeho impamvu ntarengwa kandi itunguranye kandi rukagaragaza ingaruka iyo mpamvu yagize ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

Iyo habaye impamvu ntarengwa kandi itunguranye, abagiranye amasezerano bagirana ibigamiro bigamije kumvikana ku bigomba gukorwa no ku ngaruka iyo mpamvu ntarengwa yateje.

**Ingingo ya 18: Amasezerano yuzuye**

Ibikubiye muri aya masezerano nibyo impande zombi zumvikanye kandi bikuraho ibindi byose byaba byarabaye mu buryo butandukanye cyangwa ibiganiro impande zombi zagiranye.

**Ingingo ya 19: Gukemura impaka**

Impaka zose zavuka ku bijyanye no kumva cyangwa gushyira mu bikorwa amasezerano zikemurwa binyuze mu biganiro hagati y'impande zombi.

Uruhande bireba rumenyesha urundi mu nyandiko rugasaba ko hakorwa ibiganiro bigamije gukemura impaka.

Mu gihe kitarenze iminsi 30 uhereye igihe uruhande rumwe rwamenyeshereje urundi, impande zombi zigomba kuba zahuye, bitaba ibyo, uruhande rubangamiwe rushobora gusesa amasezerano.

Icyakora, iyo hari ibitarubahirijwe n'uruhande bireba, icyo gihe ikibazo gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

Iyo amasezerano asheshwe, impande zombi zumvikana kubyo buri ruhande rugomba urundi n'uko bigomba kubahirizwa.

**Ingingo ya 20: Impinduka ku masezerano**

Impinduka kuri aya masezerano zishobora gukorwa bisabwe na rumwe mu mpande zigiranye amasezerano.

Uruhande rwifuza impinduka ku masezerano rubimenyesha urundi mu nyandiko igaragaza ibigomba guhinduka n'impamvu z'impinduka rukanagaragaza uko rwifuza byahindurwa;

Impande zombi zigirana ibiganiro bigamije kumvikana kuri izo mpinduka, ibyo zemeranijwe bigashyirwa mu nyandiko yitwa "impinduka ku masezerano y'ibanze" hanyuma igashyirwaho umukono n'abahagarariye buri ruhande.

**Ingingo ya 21: Igihe cy'amasezerano**

Aya masezerano amara igihe kingana n'umwaka umwe (1) ukaba ari uwo gukora igerageza ku mikoreshereze y'ivuriro ry'amatungo. Muri uyu mwaka nta bukode bw'inyubako butangwa.

Igihe amasezerano azamara gishobora kongerwa ku bwumvikane bw'impande zigiranye amasezerano. Kongera amasezerano bikorwa mu nyandiko ishyirwaho umukono n'impande zombi.

**Ingingo ya 22: Iseswa ry'amasezerano**

Aya masezerano ashobora guseswa na rumwe mu mpande ziyagiranye habanje gutangwa integuza ingana n'iminsi 60 kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

- Kutubahiriza inshingano kuri rumwe mu mpande zigiranye amasezerano;
- Kutubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga ivuriro;
- Ukoresha ivuriro agiye mu gihombo, habayeho iseswa cyangwa guhindura ibikorwa yakoraga;

- Havutse impaka ntizibashe gukemurwa hakurikijwe ibiteganijwe mu ngingo irebana no gukemura impaka;

Akarere gashobora gusesa amasezerano kubera impamvu z'inyungu rusange ari uko kabanje gutanga integuza ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 23: Itegeko rigenga amasezerano**

Aya masezerano yakozwe kandi yubahirizwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

**Ingingo 24: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano**

Aya masezerano atangira gushyirwa mu bikorwa uhereye ku munsi yashyiriweho umukono n'impande zombi.

**Abashyize umukono mu masezerano:**

**Ku ruhande rw'ukoresha ivuriro:**

.........................................................
(muyobozi mukuru wa Company / Perezida wa Koperative ..........................
telephone **07........................)**

**Ku ruhande rw'Akarere:**

**MBYAYINGABO Athanase**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamasheke